UBUTUMWA BWA NDI UMUNYARWANDA BUTANGWA MU MASHURI ABANZA, AYISUMBUYE N'AY'IMYUGA

Ihame ryo gushyira imbere ubunyarwanda n'inyungu z'Abanyarwanda bose mbere yo kwibonamo amoko, amasano, idini, akarere, igitsina n'ibindi, ni rimwe mu mahame y'ingenzi u Rwanda rugenderaho mu kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda.

Ni muri urwo rwego kuva mu mwaka wa 2013 hatangijwe ku mugaragaro ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda mu byiciro byose by'Abanyarwanda baba abari mu Rwanda n'ababa mu mahanga.

Kwigisha ababyiruka kwiyumvamo Ubunyarwanda nk'isano isumba izindi Abanyarwanda bafitanye ni ngombwa. Bityo kurerera abana b'Abanyarwanda mu muco wo gukunda Igihugu no guteza imbere Ndi Umunyarwanda hamwe n'indangagaciro zacu nk'Abanyarwanda bikaba zimwe mu ntwaro zidufasha kubaka u Rwanda ruzira ingengabitekerezo ya jenoside, amacakubiri n'inzangano izo aro zo zose zifite imizi mu mateka mabi Abanyarwanda banyuzemo.

1. **Intego z'igikorwa:**

Iki gikorwa kizafasha mu kubaka no guteza imbere Ndi Umunyarwanda mu babyiruka cyane cyane abakiri bato bari mu mashuri.

2. **Abagenewe ubutumwa:**

Ubu butumwa bugenewe abanyeshuri biga mu mashuri ya Leta, ayigenga, akorana na Leta ku buryo bw'amasezerano n'amashuri mpuzamahanga yigwamo n'Abanyarwanda.

3. **Ubutumwa butangwa:**

NDI UMUNYARWANDA

1. Agaciro kacu;
2. Dusangiye isano;
3. Gukunda u Rwanda;
4. Gukunda umurimo;
5. Icyerekezo kimwe;
6. Icyomoro n'igihango;
7. Ijabo riduhe ijambo;
8. Imibanire myiza;
9. Ingabo idukingira;
10. Ingobyi iduhetse;
11. Isano iduhuza;
12. Ishema ryacu;
13. Twese turi Abanyarwanda;
14. Twese turi abavandimwe;
15. Twese turi bamwe;

16. Ubufatanye n'ubwubahane;
17. Ubumwe bwacu;
18. Ubupfura bwacu;
19. Umuco dusangiye;
20. Umurage mwiza;
21. Ururimi rwacu ruraduhuza.

4. Igisobanuro cya NDI UMUNYARWANDA

Ndi Umunyarwanda ni kwiyumvamo isano ihuza Abanyarwanda, batewe ishema ryo kuba Abanyarwanda, bahuriye ku gukunda u Rwanda, kururinda no kuruteza imbere.

5. Ibisobanuro by'ubutumwa bwa Ndi Umunyarwanda

5.1. Agaciro kacu

Ndi Umunyarwanda ifasha Abanyarwanda kwishakamo ibisubizo bashingiye ku muco wabo no mu kubahiriza indangagaciro wubakiyeho.

5.2.Dusangiye isano

Ndi Umunyarwanda ifasha Abanyarwanda kwiyumvamo ko bahujwe n'Ubunyarwanda kandi basangiye u Rwanda n'umuco Nyarwanda.

5.3.Gukunda u Rwanda

Ndi Umunyarwanda ifasha Abanyarwanda gukunda u Rwanda n'abarutuye nta vangura, gukunda ibirugize byose birimo ururimi n'umuco, ubutaka rubarizwaho, kumenya amateka yarwo, kubumbatira umutekano n'ubusugire bwarwo no kugira ishyaka ryo kururwanirira ku kiguzi icyo ari cyo cyose.

5.4.Gukunda umurimo

Ndi Umunyarwanda ifasha Abanyarwanda kurangwa no gukorana ubuhanga, gukorera ku ntego, gukorera ku gihe, kugwiza umusaruro w'ibikorwa bikozwe neza no guhora mu irushanwa ryo guhanga ibishya birushaho guteza u Rwanda imbere.

5.5. Icyerekezo kimwe

Ndi Umunyarwanda ifasha Abanyarwanda kumva ko basangiye urugendo rwo kubaka Igihugu bahuje intego, batera intambwe igana imbere, bahuriza hamwe ibitekerezo byubaka, bashakira hamwe ibisubizo by'ibibazo bahura na byo kandi bagashimishwa n'umusaruro w'ibyo bagezeho.

5.6.Icyomora n'igihango:

Ndi Umunyarwanda ifasha Abanyarwanda nk'umuti usangiwe ubomora ibikomere bikomoka ku mateka yabo n'ay'Igihugu muri rusange ikabafasha gusigasira ubumwe bwabo.

Icyomoro: Ni umuti ukomoka ku bimera ukoreshwa mu kuvura no komora ibikomere byo ku mubiri.

Igihango: Amasezerano y'ubudahemuka hagati y'abantu, imiryango no hagati y'Abenegihugu n'Igihugu.

5.7.Ijambo riduhe ijambo:

Ndi Umunyarwanda ifasha Abanyarwanda kwiremamo icyizere gituma bakora ibikorwa byubahisha Abanyarwanda mu Rwanda no mu mahanga.

Ijabo: Ibigwi bishingiye k'ubudatsimburwa

Ijambo: Icyubahiro gishingiye ku bikorwa

5.8.Imibanire myiza

Ndi Umunyarwanda ifasha Abanyarwanda kubaka umubano ushingiye ku bufatanye no k'ubwubahane, urangwa n'imico myiza igororokera abandi, ubwizerane, kwanga umugayo, kwicisha bugufi, kunyurwa no kwitsinda (Kutumvira kamere ukumvira umutimanama).

5.9.Ingabo idukingira

Ndi Umunyarwanda ifasha Abanyarwanda kwirinda imyambi y'urwango, amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside. Ni izingiro ry'ubumwe n'ubwiyunge by'Abanyarwanda.

Ingabo: igikoresho kirinda uri kurugamba gufatwa n'imyambi y'umwanzi.

Ingabo: umuntu ushinzwe umutekano agafatanya n'abandi kurinda abaturage n'ubusugire bw'Igihugu.

5.10. Ingobyi iduhetse

Ndi Umunyarwanda ifasha Abanyarwanda kumva ko u Rwanda ari umubyeyi dusangiye, uturera dufiteho uburenganzira n'inshingano bingana.

Ingobyi: Igikoresho Abanyarwandakazi bifashishaga baheka abana mu mugongo.

5.11. Isano iduhuza:

Ndi Umunyarwanda ifasha Abanyarwanda kwiyumvamo imbaraga zirwanya amacakaburi, zikubaka ubwizerane, urukundo, ubufatanye, ubusabane, ubworoherane, kubahana no kwimakaza icyo dupfana nk'Abanyarwanda.

5.12. Ishema ryacu

Ndi Umunyarwanda idufasha kwishimira ko turi Abanyarwanda bikaduha imbaraga n'umuhate byo gukunda u Rwanda, kururinda no kuruteza imbere.

5.13. Twese turi Abanyarwanda:

Ndi Umunyarwanda ifasha Abanyarwanda kuzirikana ko basangiye Igihugu, ko bafite amahirwe angana ku byiza byacyo, bakagira n'inshingano bahuriyeho ziranga abenegihugu bagomba kubahana no gufatanya mu kucyubaka.

5.14. Twese turi Abavandimwe:

Ndi Umunyarwanda ifasha Abanyarwanda kwiyumvamo isano ibahuza nka bene kanyarwanda. Ibafasha kutabusanya ikanabaha imbaraga zibarinda amacakubiri, ivangura n' irondakarere bakimika ubwizerane n'ubufatanye.

5.15. Twese turi bamwe:

Ndi Umunyarwanda ifasha Abanyarwanda kunga ubumwe no kuzirikana ko basangiye icyerekezo cy'ubuzima bagomba gufatanya kugeraho.

5.16. Ubufatanye n'ubwubahane:

Ndi Umunyarwanda iha Abanyarwanda inshingano yo kubahana no gukorera hamwe hagamijwe iterambere ry'u Rwanda.

5.17. Ubumwe bwacu:

Ndi Umunyarwanda ifasha Abanyarwanda kurangwa n'imigenzereze myiza y'abasangiye ubwenegihugu n'umuco umwe.

5.18. Ubupfura bwacu:

Ndi Umunyarwanda ifasha Abanyarwanda kugira imico myiza igororokera abandi, irangwa no kwitwararika kuri bose no muri byose. Itoza abantu kwanga umugayo no kunyurwa.

Umugani:*"Imfura ni iyo musangira ntigucure, mwaganira ntikuvemo(ibanga), wapfa ikakurerera".*

5.19. Umuco dusangiye:

Ndi Umunyarwanda ifasha Abanyarwanda kubaha umuco wabo, kuwusigasira no kuwushakamo ibisubizo bibabereye. Inabafasha kubahiriza amahame y'imibereho, imigenzereze n'imyitwarire bishingiye ku muco nyarwanda.

5.20. Umurage mwiza:

Ndi Umunyarwanda ifasha Abanyarwanda kumenya amateka y'imiyoborere, imibanire n'imibereho y'Abanyarwanda mu bihe bitandukanye kugira ngo bavomemo ibibabereye biteza imbere Ubunyarwanda muri iki gihe no mu bihe bizaza.

5.21. Ururimi rwacu ruraduhuza:

Ndi Umunyarwanda isaba Abanyarwanda guha agaciro ururimi rwabo "ikinyarwanda", kurukoresha mu mivugire, mu myandikire no mu bihangano bitandukanye. Kuzirikana ko Ikinyarwanda ari ingobyi ihetse umuco nyarwanda.

6. Igihe ubutumwa butangwa:

UKWEZI	**ICYUMWERU CYA:**	**UBUTUMWA BUTANGWA**
MUTARAMA	1	NDI UMUNYARWANDA Ubumwe bwacu
	2	NDI UMUNYARWANDA Isano iduhuza
	3	NDI UMUNYARWANDA Agaciro kacu
	4	NDI UMUNYARWANDA Gukunda umurimo
GASHYANTARE	1	NDI UMUNYARWANDA Gukunda u Rwanda
	2	NDI UMUNYARWANDA Ishema ryacu
	3	NDI UMUNYARWANDA Ururimi rwacu ruraduhuza

	4	NDI UMUNYARWANDA Imibanire myiza
WERURWE	1	NDI UMUNYARWANDA Ubufatanye n'ubwubahane
	2	NDI UMUNYARWANDA Icyerekezo kimwe
	3	NDI UMUNYARWANDA Ubupfura bwacu
	4	NDI UMUNYARWANDA Twese turi bamwe
MATA	1	Ikiruhuko cy'icyunamo cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi
	2	
	3	NDI UMUNYARWANDA Twese turi abavandimwe
	4	NDI UMUNYARWANDA Dusangiye isano
GICURASI	1	NDI UMUNYARWANDA Icyomoro n'igihango
	2	NDI UMUNYARWANDA Ingobyi iduhetse
	3	NDI UMUNYARWANDA Ingabo idukingira
	4	NDI UMUNYARWANDA Ijabo riduhe ijambo
KAMENA	1	NDI UMUNYARWANDA Ubumwe bwacu
	2	NDI UMUNYARWANDA Isano iduhuza
	3	NDI UMUNYARWANDA Agaciro kacu
	4	NDI UMUNYARWANDA Gukunda umurimo
NYAKANGA	1	NDI UMUNYARWANDA Gukunda u Rwanda
	2	NDI UMUNYARWANDA Umurage mwiza
	3	NDI UMUNYARWANDA Twese turi Abanyarwanda
	4	NDI UMUNYARWANDA Imibanire myiza
KANAMA	1	NDI UMUNYARWANDA Umuco dusangiye
	2	NDI UMUNYARWANDA Ururimi rwacu ruraduhuza
	3	NDI UMUNYARWANDA

		Ingobyi iduhetse
	4	NDI UMUNYARWANDA Twese turi Abanyarwanda
NZERI	1	NDI UMUNYARWANDA Ishema ryacu
	2	NDI UMUNYARWANDA Isano iduhuza
	3	NDI UMUNYARWANDA Agaciro kacu
	4	NDI UMUNYARWANDA Gukunda umurimo
UKWAKIRA	1	NDI UMUNYARWANDA Ubumwe bwacu
	2	NDI UMUNYARWANDA Umurage mwiza
	3	NDI UMUNYARWANDA Ingabo idukingira
	4	NDI UMUNYARWANDA Ijabo riduhe ijambo
UGUSHYINGO	1	NDI UMUNYARWANDA Ubufatanye n'ubwubahane
	2	NDI UMUNYARWANDA Icyerekezo kimwe
	3	NDI UMUNYARWANDA Ubupfura bwacu
	4	NDI UMUNYARWANDA Icyomoro n'igihango

7. **Uburyo ubutumwa butangwa:**
   - **a.** Ubutumwa mu magambo: ubutumwa butangwa buri wa mbere w'icyumweru abanyeshuri bateraniye hamwe;
   - **b.** Ubwo butumwa bwatanzwe mu ruhame nibwo bwandikwa ku kibaho cy'imbere, mu nguni yibumoso ku buryo bukurikira:
   - Hejuru handikwa "NDI UMUNYARWANDA" mu ibara ry'ubururu;
   - Munsi hagakurikiraho ubutumwa bw'icyumwerubwandikwa mu ibara ry'icyatsi kibisi.

Urugero:

NDI UMUNYARWANDA
Isano iduhuza

Icyitonderwa: amashuri afite ibibaho by'icyatsi kibisi, ubutumwa bwandikwa mu ibara ry'ubururu n'umuhondo.

c. Ubutumwa bwandikwa muri buri cyumba cy'ishuri;
d. Ubu butumwa buzajya bwandikwa n'abanyeshuri biga muri iryo shuri ubwabo, bikorwe ku buryo buri wese abigiramo uruhare (bazajya basimburanwa);
e. Mu mashuri yigwamo n'abana bakiri bato , kwandika ubutumwa bikorwa na mwarimu;
f. Ubuyobozi bw'ishuri bugena umwarimu ushinzwe gukurikirana imigendekere myiza y'iki gikorwa;
g. Ubutumwa bwandikwa ku munsi wa mbere w'icyumweru, mu isaha ya mbere y'amasomo kandi bigakorwa ku buryo buhoraho;
h. Hari n'ubutumwa bwagenewe kwandikwa ahantu hagaragara: ubu butumwa bwandikwa ku rukuta, ku cyapa cyangwa mu cyumba cy'inama aho kiri (ubu butumwa bwandikwa ku buryo budasibwa).

Ubwo butumwa ni ubu bukurikira:

NDI UMUNYARWANDA

"**Isano ihuza Abanyarwanda, batewe ishema ryo kuba Abanyarwanda, bahuriye ku gukunda u Rwanda, kururinda no kuruteza imbere".**